Imigenzo itanu iri muri kamere ari yo: Gusimurwa, kogosha imisatsi yo mu myanya y'ibanga, kogosha ubwanwa bwo hejuru, guca inzara, no gupfura ubucakwaha

Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Imigenzo itanu iri muri kamere ari yo: Gusimurwa, kogosha imisatsi yo mu myanya y'ibanga, kogosha ubwanwa bwo hejuru, guca inzara, no gupfura ubucakwaha."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ibintu bitanu biri mu idini rya Isilamu ndetse no mu migenzo y'Intumwa zayibanjirije: Icya mbere: Gusiramurwa, akaba ari uguca igihu kirenga ku gitsina cy'umugabo, cyangwa se guca agahu kari mu gitsina cy'umugore hejuru y'ahakorerwa igikorwa cy'akabariro. Icya kabiri: Kogosha imisatsi n'ubwoya bimera mu mpande z'igitsina. Icya gatatu: Kogosha ubwanwa bwo hejuru. Icya kane: Guca inzara Icya gatanu: Gupfura ubucakwaha.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/3144